GANA HEZA

November A, 2019

UBUYOBOZI BUSHYA MURI CCOAIB

Umuyobozi wa Plateforme bwana Ryarasa Joseph ari kumwe n'umuyobozi wa CCOAIB bwana Rulinda Innocent.

Kuwa gatanu tariki ya 8 Ugushyingo 2019, ku nshuro ya 33 inteko rusange ya CCOAIB yararateranye. Iki gikorwa cyabereye mu cyumba cy'inama cya Hotel Lemigo mu karere ka Gasabo, gitangira saa ine za mu gitondo.

Inteko rusange ni urwego rukuru rwa CCOAIB ikaba iterana rimwe mu mwaka, buri muryango ugahagararirwa n'abantu babiri, umwe muri bo akaba ari mu rwego rw'ubunyamabanga nshingwabikorwa, undi akaba mu nzego z'ubuyobozi. Inteko rusange niyo igena imirongo migari n'icyerekezo CCOAIB rigenderaho.

Uretse kureba uko ibikorwa byagenze mu mwaka ushize, gusuzuma ibiteganyijwe muri uyu mwaka, ku murongo w'ibyigwa hari amatora ku myanya y'abayobozi b'inzego ebyiri ari zo: inama y'ubutegetsi ndetse n'abayobozi b'akanama nkemurampaka kuko abari basanzwe bazirimo bari bacyuye igihe. Hari hanateganyijwe no gusuzuma ubusabe bw'imiryango yifuje kwinjira muri CCOAIB. Mu bitabiriye iyi nama batari baje nk'abashyitsi, twavuga umuyobozi wa plate forme ya sosiyete sivile Nyarwanda Dogiteri

Bwana Muramira Bernard Visi perezida wa mbere na bamwe mu bayobozi bashya

Joseph Nkurunziza Ryarasa, na noteri waje aturutse mu rwego rw'igihugu rushinzwe imiyoborere (RGB), bwana Aimable Semukanya. Ikindi gikorwa cyabaye ni ukwemeza imiryango mishya, aho kuri itanu yari yanditse isaba hemejwe itatu ari yo Citizen voice and actions (CVA), Associations pour le développement endogène (RDE) na Organisation pour la sécurité Alimentaire et la promotion de l'emploi (OSAPER)

Ifoto y'urwibutso. Abashyitsi, perezida ucyuye igihe n'abayobozi bashya.

Madamu Yvonne Mutakwasuku umuyobozi mushya wa CCOAIB

Abayobozi bashya batowe ni abakurikira:
Mu nama y'ubutegetsi.

- Madamu Mutakwasuku Yvonne ukomoka mu muryamgo Bureau Social de développement
- Bwana Muramira Bernard ukomoka mu muryango Strive Foundation Visi Perezident wa mbere,
- Madamu Uwimana Laetitia ukomoka mu muryango Seruka visi perezida wa kabiri,
- Bwana Kayumba Aimé ukomoka mu muryango Rwanda Development Initiative
- Madamu Gahongayire Liberata ukomoka mu muryango Duterimbere
- Bwana Nshimiyimana Appolinaire ukomoka mu muryango Asoferwa
- Bwana Rukwatage Janvier ukomoka mu muryango FIOM Rwanda

Mu kanama nkemurampaka
- Nsabimana Donat ukomoka mu muryango ARTC
- Ntazika Jeremie ukomoka mu muryango ATEDEC
- Mukandoli Therese ukomoka mu muryango UGAMA
- Musabimana Patrice ukomoka mu muryango ARDI
- Niyonkuru Belise ukomoka mu muryango SERUKA

Benoit Ndirikiye